# REPUBULIKA Y'U RWANDA

## UMUJYI WA KIGALI

## AKARERE KA GASABO

## IMBONERAHAMWE YA SERIVISI ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE

## SERIVISI ZITANGIRWA KU RWEGO RW'AKAGARI

Gasabo, Nzeri 2018

## IBIRIMO


SERIVISI ZITANGIRWA KU RWEGO RW'AKAGARI .......... 1

ISHINGIRO N'IKIGAMIJWE N'IYI NYANDIKO .......... 1

SERIVISE ZITANGIRWA KU KAGARI .......... 2

a) Gusaba icyemezo cy'abasaba urushushya rwo kujya mu mahanga .......... 2
b) Kwakira no gukemurirwa ibibazo .......... 3
c) Kurangirizwa urubanza n'izindi mpapuro ziriho kashe mpuruza .......... 3
d) Icyemezo cy'abashaka kwiyandikisha gusaba indangamuntu bwa mbere .......... 4
e) Gusaba icyemezo gihesha umuntu kubona icyemezo cy'uko ari ingaragu .......... 5
f) Gukora urutonde rw'abaturage hashingiwe ku cyiciro cy'ubudehe .......... 5
g) Gutegura urutonde rw'abatishoboye .......... 6
h) Gusaba icyemezo cy'uko umuntu yapfuye .......... 6
i) Gukora ubuvugizi bwo gufasha abatishoboye mu buryo butandukanye .......... 7
j) Icyemezo cyemerera umuntu kubaka, kuvugurura no gusana .......... 7
k) Icyemezo cy'uko umuntu yabuze ibyangombwa n'izindi mpapuro .......... 8
l) Kumenyesha uwaburanye adahari imyanzuro y'urukiko .......... 8
m) Gusinyisha inzandiko z'abahamagajwe n'inkiko .......... 9
n) Icyemezo gisaba icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire .......... 9
o) Icyemezo gihesha icyemezo cy'amavuko .......... 10
p) Icyemezo gihesha icyangombwa cy'umutungo .......... 10
q) Icyemezo cy'uwacitse ku icumu .......... 11
r) Icyemezo gihabwa umugore utwite ujya kwipimisha atabana n'umugabo .......... 12
s) Icyemezo gihesha icyemezo cy'ubupfakazi (attestation de veuvage) .......... 12
t) Icyemezo cy'uko utuye mu Kagari .......... 13
u) Icyemezo gihesha icyemezo cy'umwirondoro (attestation d'identité complète) .......... 13

## ISHINGIRO N'IKIGAMIJWE N'IYI NYANDIKO

Iyi nyandiko ishingiye ku ihame ryo gutanga serivisi nziza ku baturage ku rwego rw'Akagari. Akagari ni rumwe mu nzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda.Inshingano z'Akagari zigenwa n'Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Iyi nyandiko izifashishwa nka bumwe mu buryo bwo kunoza imitangire myiza ya serivisi. Izafasha abatanga n'abahabwa serivisi kugira imyumvire imwe ku mitangire inoze ya serivisi. Ibyo bizatuma Abaturage bamenya neza urutonde rwa serivisi bahabwa ku rwego rw'Akagari, aho serivisi itangirwa, n'umukozi cyangwa abakozi babishinzwe, ibyo usaba serivisi agomba kuba yujuje, igihe agomba kuba yayiherewe cyangwa yasubirijwe ibyo yifuza ku buyobozi, n'uburyo yakoresha kugira ngo amenyekanishe ko atishimiye serivisi yahawe.

Guhabwa serivisi nziza kandi ku gihe ni uburenganzira bw'Umuturage igihe yujuje ibisabwa. Akagari kagomba kubahiriza ibikubiye muri iyi nyandiko, guhora gashishikajwe n'uko serivisi zihabwa abaturage zarushaho kunoga no kumenyekanisha impinduka zakozwe kuri iyi nyandiko zigamije korohereza Abaturage guhabwa serivisi.

Iyo utishimiye ubufasha wahawe ushobora kubimenyesha inzego zisumbuye (Umurenge cyangwa Akarere). Hari kandi andi makuru waba ukeneye arenze ibikubiye muri iyi nyandiko, wayabaza ku biro by'Akagari, Umurenge, cyangwa ukayasanga ku rubuga rwa interineti rw'Akarere.

AKARERE KA GASABO

# IMBONERAHAMWE YA SERIVISE ZITANGWA N'INZEGO Z'IBANZE

## SERIVISE ZITANGIRWA KU KAGARI

### a) Gusaba icyemezo cy'abasaba urushushya rwo kujya mu mahanga

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuturage wese utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | **Ku bantu bakuru**<br>• Kwishyura amafaranga **1500** kuri konti y'Akarere<br>• Ikayi y'Umudugudu yemeza ko atuye aho saba icyangombwa<br>• Ifoto imwe y'amabara ifite inyuma h'umweru<br>• Kwerekana Irangamumuntu cyangwa icyemezo gitangwa n'Umurenge cy'uko yabuze<br>**Ku bana bari munsi y'imyaka 16**<br>• Icyemezo cy'amavuko<br>• Icyemezo cy'uko ababyeyi bashakanye gitangwa n'Umurenge<br>• Kopi y'indangamuntu z'ababyeyi |
| 4) **Inzira binyuramo** | • Usaba iyi serivise agomba kuza ku biro by'Akagari mu masaha y'akazi<br>• Icyemezo cyuzurizwa ku biro by'Akagari kigasinywaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari,<br>• Iyo icyememezo kimaze gusinywa, uwagihawe ahita ajya ku biro bireba abinjira n'abasohoka mu gihugu (Migration Office) |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu (Migration Office) |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Kwishyura hishyurwa 1500FRW kuri konti y'Akarere |

| | |
|---|---|
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Iyo ibisabwa byose byuzuye, icyemezo gitangwa uwo munsi. |

**b) Kwakira no gukemurirwa ibibazo**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari ufite ikibazo yifuza ko cyakemurwa n'Akagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Ikibazo kibanza gushyikirizwa Umudugudu. Iyo kidakemutse, Umudugudu wandika uko byagenze mu Ikayi y'Umudugudu, ukacyohereza ku kagari. Cyakora iyo ari ikibazo cyihutirwa cyangwa kijyanye n'umutekano, Akagari kagikemura ako kanya. |
| 4) **Inzira binyuramo** | Kuza ku biro by'Akagari witwaje Ikayi y'Umudugudu yanditsemo uko Umudugudu wakemuye icyo kibazo. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00, n'igihe cyose byaba byihutirwa |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Biterwa n'uko ikibazo giteye, iriko iyo bishoboka gikemurwa uwo munsi |

**c) Kurangirizwa urubanza n'izindi mpapuro ziriho kashe mpuruza**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari ufite impapuro z'imyanzuro y'urubanza rwaciwe n'Abunzi cyangwa Inkiko Gacaca ziriho Kashe Mpuruza |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Impapuro z'imyanzuro y'urubanza ziriho kashe mpuruza |
| 4) **Inzira binyuramo** | Gushyikiriza Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |

| | |
|---|---|
| | impapuro z'imyanzuro y'urubanza ziriho kashe mpuruza |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Ntazo |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Imyanzuro y'urubanza imenyeshwa urundi ruhande mu gihe kitarenze icyumweru, igashyirwa mu bikorwa n'Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ku igihe urundi ruhande rwabimenyesherejwe.<br>Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'urubanza ntibishobora kurenza amezi atatu (3). |

**d) Icyemezo cy'abashaka kwiyandikisha gusaba indangamuntu bwa mbere**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umwenegihugu wese afite imyaka cumi n'itandatu (16) utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Inyandiko yerekana itariki y'amavuko<br>Icyemezo cyatanzwe n'umukuru w'Umudugudu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Umwenegihugu wese ufite imyaka cumi n'itandatu (16) utuye mu Kagari agomba kwiyandikisha kugirango ahabwe indangamuntu. Akagari kamuha icyemezo ajyana kwa Noteri ku Murenge. Umurenge umushyira ku rutonde rw'abasaba indangamuntu bwa mbere, nawo ukarutanga kuri NIDA ari nayo imenyesha umunsi wo gufotora. Iyo indangamuntu zibonetse zitangirwa ku Murenge. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Ubuyobozi bw'Umudugudu n'Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye |



AKARERE KA GASABO

**e) Gusaba icyemezo gihesha umuntu kubona icyemezo cy'uko ari ingaragu**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umunto wese utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Abagabo batatu babihamya mu nyandiko imbere y' Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari. Ibi kandi bishobora no gukorerwa imbere y'Umukuru w'Umudugudu akabisinyira.<br>Kopi z'indangamuntu z'abo bahamya. |
| 4) **Inzira binyuramo** | Icyemezo cy'Akagari ukijyana ku Murenge kugirango ukorerwe icyemezo cy'uko uri ingaragu |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Kwishyura 500 Frw kuri konti y'Akarere |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye |

**f) Gukora urutonde rw'abaturage hashingiwe ku cyiciro cy'ubudehe**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Abaturage bose |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Ushinzwe Imibereho Myiza, Ubukungu n'Iterambere (SEDO) |
| 3) **Ibisabwa** | - Ntacyo |
| 4) **Inzira binyuramo** | - SEDO afasha abagize Komite y'Umudugudu gushyira abaturage mu byiciro. Ibi bikorwa n'abaturage kandi ku rwego rw'Umudugudu<br>- Akagari n'Umurnge babika amakuru ajyanye n'ibyiciro by'ubudehe bya buri rugo |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Komite y'Umudugudu, Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Igihe cyateganyijwe cyo gushyira abaturage mu byiciro |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi |



AKARERE KA GASABO

### g) Gutegura urutonde rw'abatishoboye

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'Ubudehe (hashingiwe ku rutonde rw'ibyiciro by'ubudehe) |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Ushinzwe Imibereho Myiza, Ubukungu n'Iterambere (SEDO) |
| 3) **Ibisabwa** | Kuba uri mu cyiciro cya mbere. Ku badafite icyiciro, cyangwa bashyizwe mu cyiciro kitari cyo, Inama y'Umudugudu iraterana ikemeza icyiciro cyabo. |
| 4) **Inzira binyuramo** | Ushaka iyi servise ajya ku Kagari, bakagenzura kuri lisiti z'Ubudehe icyiciro yanditsemo, hanyuma agashyirwa ku rutonde rw'abatishoboye kandi agahabwa icyemezo cy'uko atishoboye. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Komite y'Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye |

### h) Gusaba icyemezo cy'uko umuntu yapfuye

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu utuye mu Kagari ukeneye iki cyemezo |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cy'Umudugudu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Iyo umuntu yaguye mu rugo, Umudugudu wemeza urwo rupfu mu nyandiko. Iyo nyandiko yemezwa n'Akagari ikajyanwa ku Murenge kugirango bahabwe icyemezo. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byuzuye |

i) **Gukora ubuvugizi bwo gufasha abatishoboye mu buryo butandukanye**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'Ubudehe ufite ikibazo cyihutirwa gikeneye ubufasha |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Kuba uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'Ubudehe |
| 4) **Inzira binyuramo** | Ubufasha butangwa mu buryo bwo Kuremera utishoboye, hashakwa inkunga mu baturage (mutiweri, umuganda wo kubaka, etc.) Umudugudu ufasha guhitamo abatishoboye kurusha abandi no gukusanya inkunga. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Komite y'Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Biterwa n'uko ikibazo giteye, ariko bishobora gufata ukwezi kumwe iyo ari Kuremera utishoboye. Ku bundi bufasha, ikibazo gishyikirizwa Umurenge uwo munsi. |

j) **Icyemezo cyemerera umuntu kubaka, kuvugurura no gusana**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari ushaka kubaka cyangwa gusana inzu |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | **Ingenieur w'Umurenge** |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cy'ubutaka<br>Imyanzuro y'isura ry'ikibanza cyangwa inzu igomba gusanwa |
| 4) **Izindi nzego unyuramo** | Umurenge |
| 5) **Inzira binyuramo** | Iki cyemezo gitangwa ku bibanza cyangwa amazu yo mu Midugudu. Icyemezo cyo kubaka cyangwa kuvugurura inyubako gitangwa n'ibiro by'ubutaka ku Karere.Ushaka iyi |



AKARERE KA GASABO

| | |
|---|---|
| | servise ajya ku Murenge agasaba ko ikibanza cyangwa inzu asaba kuvugurura bisurwa. **Umurenge** wemeza muri iryo sura ko aho ashaka kubaka habigenewe cyangwa ko inzu asaba kvugurura bikenewe koko. Imyanzuro y'isura yomekwa ku cyemezo cyatanzwe, bikajyanwa ku Murenge ari nawo utanga uruhushya rwo gusana naho kubaka cyangwa kuvugura bigatangwa n'Akarere. |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Icyumweru kimwe harimo no gusura ikibanza cyangwa inzu |

**k) Icyemezo cy'uko umuntu yabuze ibyangombwa n'izindi mpapuro**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wataye ibyangombwa n'izindi mpapuro |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Ikayi y'Umudugudu itanga amakuru kuri icyo kibazo |
| 4) **Inzira binyuramo** | Icyemezo gitangwa n'Akagari gihita kijyanwa ku biro bya Polisi igakoro Icyemezo cy'uko ibyangombwa cyangwa impapuro zabuze. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Polisi |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi |

**l) Kumenyesha uwaburanye adahari imyanzuro y'urukiko**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese urebwa n'urubanza rwaburanishijwe n'Abunzi adahari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Impapuro z'imyanzuro y'urubanza |
| 4) **Inzira binyuramo** | Ibi bikorwa iyo urubanza rwaburanishijwe uwo bireba |

| | |
|---|---|
| | adahari, kandi akaba yarahamagawe n'inteko y'abunzi inshuro ebyiri akanga kwitaba. Amenyeshwa imyanzuro y'urukiko mu minsi 10. Umuyobozi w'Akagari amusanga aho atuye agasinyira ko imyanzuro y'urubanza ayibonye. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Ntazo |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo bireba agomba kubimenyeshwa mu gihe kitarenze iminsi icumi |

**m) Gusinyisha inzandiko z'abahamagajwe n'inkiko**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese bireba |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Impapuro zitumira kwitaba urukiko |
| 4) **Inzira binyuramo** | Umuhesha w'inkiko (umuyobozi w'Akagari) niwe ujya gusinyisha uregwa, yamubura agasinyisha umugore/umugabo, cyangwa umwana ufite imyaka 18 kuzamura. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Ntazo |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo bireba agomba kubimenyeshwa mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) |

**n) Icyemezo gisaba icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cy'Umudugudu |



AKARERE KA GASABO

| | |
|---|---|
| | Indangamuntu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Ushaka iki cyemezo ajya ku Kagari yitwaje indangamuntu n'icyemezo cy'Umudugudu. Iki cyemezo ugihabwa bitewe n'imyitwarire yawe n'uko abantu bakuzi mu Mudugudu. Icyemezo uhabwa ukijyana ku Murenge. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu, Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye |

**o) Icyemezo gihesha icyemezo cy'amavuko**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari ukeneye iki cyemezo |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cyo kwa muganga cyanga cy'ikingira ku bana,<br>Indangamuntu ku bakuru,<br>Icyemezo cy'Umudugudu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Ushaka iki cyemezo ajya ku Kagari yitwaje indangamuntu n'icyemezo cy'Umudugudu. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Rwf 500 yishyurwa binyuze mu Irembo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye |

**p) Icyemezo gihesha icyangombwa cy'umutungo**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese utuye mu Kagari ukeneye iki cyemezo |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cy'Umudugudu |

| | |
|---|---|
| | Indangamuntu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Iki cyemezo gitangwa ku mutungo utimukanwa. Ugisaba ajya ku Kagari ubwe. Akagari kagenzura ko umutungo ari uwe koko kandi utagurishijwe. Icyemezo cya nyuma ugihabwa n'Umurenge. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu, Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye |

### q) Icyemezo cy'uwacitse ku icumu

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wese wacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi ukeneye iki cyemezo |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Icyemezo cy'Umudugudu na komite y'abacitse ku icumu rya Jenoside, Indangamuntu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Komite y'abacitse ku icumu mu Kagari yuzuza kandi igasinya icyemezo cyabigenewe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari akagisinyaho. Icyemezo ukijyana ku mukozi w'Umurenge ushinzwe imibereho myiza kikemezwa bwa nyuma. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Komite y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byuzuye |



AKARERE KA GASABO

### r) Icyemezo gihabwa umugore utwite ujya kwipimisha atabana n'umugabo

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umukobwa/Umugore utwite ariko atarashaka ukeneye kwipimisha inda no kwivuza kwa muganga. |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | Ikayi y'Umudugudu yanditsemo uko ikibazo giteye n'Ushinzwe Ubuzima mu Mudugudu. |
| 4) **Inzira binyuramo** | Uza ku Kagari. Icyemezo gitangwa n'Akagari kamaze kugenzura ko amakuru atangwa ari yo. Ushinzwe ubuzima mu Mudugudu ashobora kumuherekeza kwa muganga. |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu, Kwa muganga |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi |

### s) Icyemezo gihesha icyemezo cy'ubupfakazi (attestation de veuvage)

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu wapfakaye |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | - Indangamuntu<br>- Icyemezo cy'Umudugudu<br>- Abagabo 3 babyemeza |
| 4) **Inzira binyuramo** | Icyemezo uhabwa ukijyana ku Murenge |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu, Umurenge |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe |



AKARERE KA GASABO

**t) Icyemezo cy'uko utuye mu Kagari**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | - Indangamuntu cyangwa Pasiporo<br>- Icyemezo cy'Umudugudu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Kuza ku Kagari witwaje ibisabwa |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe |

**u) Icyemezo gihesha icyemezo cy'umwirondoro (attestation d'identité complète)**

| | |
|---|---|
| 1) **Uhabwa iyi serivise** | Umuntu utuye mu Kagari |
| 2) **Umukozi ubishinzwe** | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari |
| 3) **Ibisabwa** | - Indangamuntu<br>- Icyemezo cy'Umudugudu<br>- Ku bafite imyaka 16 batarabona irangamuntu hashingirwa ku ikayi y'Umudugudu |
| 4) **Inzira binyuramo** | Uza ku Kagari witwaje ibisabwa |
| 5) **Izindi nzego unyuramo** | Umudugudu |
| 6) **Amafaranga yishyurwa** | Ntayo |
| 7) **Igihe itangirwa** | Mu minsi y'akazi kuva 7h00 kugeza 17h00 |
| 8) **Igihe ntarengwa** | Uwo munsi iyo ibisabwa byose byubahirijwe |



AKARERE KA GASABO